Igihe Gikwiriye Gisohoye, Ubuhanuzi Burahishurwa.

Nimukenyere mukomeze. Ubu mugiye gutambagira.muvumbure muri Bibilia ubuhanuzi bureshya n'aho bwakereye, Ubuhanuzi buzira kwihenda bwatangaje ukuza kwa mbere kwa Yesu, ndetse n'igihe yagombaga gupfira. *Mu* cyigisho nyobozi



cya 16 "Ubutumwa Abamalaika batangarije mu kirere" mwize yuko Imana ifite ubutumwa bukaze Iyi si igomba kubwirwa, mbere y'uko Yesu agaruka. Ingingo ya mbere ishishikariza abantu kuramya Imana no kuyihimbaza, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye (Ibyahishuwe 14:7). Muri Daniyeli igice cya 8 n'icya 9 Imana ihishura igihe urubanza rwayo ruheruka rugomba gutangirira n'ibindi bimenyetso biranga Kristo nka Mesiya. Urebye mu Byanditswe byera, nta buhanuzi burusha'ubungubu kuremera. Nyamara abantu babizi batyo ni mbarwa. Abandi babusobanura uko bishakiye. Mbere yo gutangira iki cyigishoi nyabuna banza usome muri Daniel igice cya 8 n'icya 9 kandi usabe Umwuka w'Imana kukuyobora, no kukumvisha iri somo kabuhariwe.

1. **Mu iyerekwa, Daniel yabonye imfizi y'intama ifite amahembe abiri yagendaga ishyamye yerekeye iburengerazuba n'ikasikazi n'ikusi ntihagira inyamaswa ihangara kuyihagarara imbere (Daniel 8:3, 4). Iyo mfizi y'intama igereranya iki?**

"Imfizi y'intama y'amahembe abiri wabonye, nibo bami b'Abamedi n'Abaperesi."
Igisubizo: Imfizi y'intama igeraranya ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwatwaye isi; kandi bukaba bugereranywa n'idubu rivugwa muri Danieli 7:5.Ubuhanuzi bwo muri Daniel no mu Byahishuwe bukurikiza ihame riteye ritya:"subiramo maze wagure" ni ukuvuga ko busubira mu byavuzwe mu bice bibanza ariko bikongeraho ingingo zirushaho kumvikanisha ibyavuzwe. Ubu buryo bwongera umucyo n'amashirakinyoma ku buhanuzi bwa Bibliya.

2. **Hanyuma, ni iyihe nyamaswa ikaze Daniel yabonye?**

"Kandi ya sekurume y'ihene y'igikomo ni umwami w'u Bugiriki kandi ihembe rinini riri hagati y'amaso yayo niwe mwami wabo wa mbere. Kandi nkuko ryavunitse mu cyimbo cyaryo hakamera andi mahembe ane, uko niko hazaba ubwami bune bukomoka muri ubwo bwoko." Daniel 8:21, 22.

Igisubizo: Mu iyerekwa, Daniel yaje kubona imfizi y'ihene ivumbutse, ifite ihembe rinini igenda yihuta cyane, Itera ya mfizi y'intama, irayinesha. Maze rya hembe rinini riravunika maze amahembe ane amera mu mwanya waryo. Imfizi y' ihene y'igikomo

ishushanya ubwami bw'Abagiriki bwatwaye isi yose. Ihembe rinini rishushanya Alegizandero Mukuru. Amahembe ane yasimbuye iryakutse, agereranya ubwami bune, Ingoma ya Alegizandero yigabanijemo. Muri Daniel 7:6, Ubu bwami bune buhagarariye imitwe ine y'ingwe, nayo ikaba ishushanya Ubugiriki. Urebye mu mateka y'ibyabayeho ku isi,ibi bikoko n'ibigereranyo byabyo, birahura neza nta shiti.

2. **Ukurikije Daniel 8:8, 9, imbaraga z'ihembe rito nizo zakurikiyeho ziravumbuka. Ihembe rito rigereranya iki?**
   Igisubizo: Ihembe rito rigererenya Roma. Hari abatanze igitekerezo ko ihembe rito rigereranya Antiokusi Epifanesi, umwami wo mu muryango w'Abaseleyuside wategetse Palestina mu kinyejana cya kabiri M.K akadurumbanya gahunda Abayuda bakurikizaga. Abandi, ubariyemo abenshi mu babaye abayobozi mu by ubugorozi, bagaragaje kwizera yuko ihembe rito rigereranya Roma mu matwara yayo yombi; aya gipagani n'ay'ubupapa. Reka turebe amashirakinyoma Bibliya igaragaza kuri iyo ngingo.
3. Hakurikijwe rya hame rivuga ngo "subiramo maze wagure**",** Roma igomba kuba ariyo butegetsi buvugwa aha ngaha kubera ko mu gice cya 2 n'icya 7 Daniel avuga ko ariyo butegetsi bwasimbuye ingoma y'Abagiriki. Daniel 7:24-27 naho hagaragaza ko Roma, mu matwara yayo y'ubupapa, izasimburwa n'ingoma ya Kristo. Ihembe rito ryo muri Daniel igice cya 8 na ryo rigenda muri uwo murongo, neza neza. Roma ikurikira ubugiriki, maze amaherezo yayo ikazarimbuka hadakoreshejwe amaboko igihe Yesu azaba agarutse.(gereranya Daniel 8:25 na Daniel 2:34.)

   B. Daniel igice cya 8 havuga ko ingoma y'Abamedi n'Abaperesi izagira imbaraga (umurongo wa 4) Iy'Abagiriki ikazarushaho gukomera (umurongo wa 8), naho ihembe rito rikazagira imbaraga nyinshi cyane (umurongo wa 9). Amateka agaragaza ko nta yindi ngoma yasimbuye iy'Abagiriki yigeze igira imbaraga nyinshi cyane itari Roma.

   C. Roma yerekeje ikusi, (Egiputa/Misiri) iburasirazuba (Makedonia) no mu gihugu gifite ubwiza (Palestine) nkuko byari byarahanuwe (umurongo wa 9). Nta yindi ngoma igaragara yujuje ibi bya ngombwa uretse Roma.

   D. Roma niyo yonyine yarwanije Yesu "umugaba w'ingabo" (umurongo wa 11) n'umwami w'abami" (umurongo wa 25.) Roma ya gipagani yaramubambye, kandi yashenye urusengero Abayuda basengeragamo. Roma y'ubupapa yo yatumye ubuturo bwera bwo mu ijuru busenyuka. (umurongo wa 11),burasiribangwa. (umurongo wa 13) bitewe no gufata umurimo Yesu akorera mu ijuru nk'umutambyi wacu mukuru ikawusimbuza umurimo w'ubutambyi bwo mu isi bwigamba ko bushobora kubabarira ibyaha. nta wundi ushobora kubabarira ibyaha,keretse Imana yonyine (Luka 5:21). Kandi Yesu niwe mutambyi wacu akaba n'umuhuza. (1 Timoteyo 2:5).

4. Daniel 8 hatubwira ko ububasha bw'iri hembe rito buzarimbura benshi **bo mu bwoko bw'Imana (imirongo ya 10, 24,25) kandi rikajugunya hasi iby'ukuri (umurongo wa 12).**
Ubwo Uwera yabazaga igihe ubwoko bw'Imana n'ahera bizamara bisiribangwa, mu ijuru haturutseyo ikihe gisubizo?

"Aransubiza ati: bizageza iminsi ibihumbi bibiri na maganatatau uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabona kwezwa." Daniel 8:14.

Igisubizo: Mu ijuru basubije ko ubuturo bwera bwaho buzezwa nyuma y'iminsi y'ubuhanuzi ariyo myaka 2300 isanzwe. (Isomo nyobozi rya 15 ritanga ubusobanuro bwuzuye buhuza umunsi n'umwaka nkuko buboneka muri Ezekiel 4:6 no Kubara 14:34). Twamaze kwiga ko kwezwa k'ubuturo bwo mu isi kwabayeho ku munsi w'ihongerera ry'Abisirael ba kera.

Kuri uwo munsi, abantu b'Imana bagaragaraga ko ari abayo rwose; kandi amakosa yari abanditsweho yarahanaguwe. Abanyabibi babaga batitandukanije n'icyaha bacibwaga mu Isirael burundu. Uko niko urugerero rwose rw'Abisirael rwezwagaho ibyaha.

Uko niko Daniel yijejwe ko icyitwa icyaha cyangwa ububasha bw'ihembe rito butazakomeza kugubwa neza, gutegeka isi cyangwa kurenganya ubwoko bw'Imana ubuziraherezo. Ahubwo mu myaka 2300 Imana yari iteganije kugoboka mu munsi w'ihongerera cyangwa w'urubanza, maze icyaha n'abanyabyaha bakagaragazwa, maze bagacibwa mu isi burundu. Uko niko ibyaremwe bizezwaho ibyaha. Abantu b'Imana bakomorerwe, maze amahoro Edeni yahoranye yongere asagambe, adendeze mu byaremwe byose.

5. Ingingo yihutirwa malaika Gabriel yakomeje gushimangira ni iyihe?

"Umva, yewe mwana w'umuntu, ibyo weretswe ni iby'igihe cy'imperuka. ... ngiye kukumenyesha ibizaba mu gihe cy'umujinya wo ku mperuka ariko ujye ubizigama, kuko ari iby'igihe gishyize kera." Daniel 8:17, 19, 26,

Igisubizo
Gabriel yemeje inshuro zirenze imwe ko iyerekwa ry'iminsi 2300 rireba ibizabaho mu gihe cy'imperuka cyatangiye mu 1798 nkuko twabyize mu isomo nyobozi rya 15. Malaika yashatse kutwumvisha ko ubuhanuzi bw'iminsi 2300 ari ubutumwa bureba mbere na mbere twebwe twese abariho mu minsi iheruka amateka y'isi. Ubwo butumwa bufite ubusobanuro bwihariye ku bariho muri iki gihe.

Ijambo ry'ibanze kuri Daniel igice cya 9
Nyuma y'iyerekwa rya Daniel ryo mu gice cya 8, Malaika Gabriel yaraje asobanurira Daniel iyerekwa. Daniel ageze ku ngingo y'iminsi 2300 yikubita hasi araraba, amara igihe runaka arwaye. Nyuma yaje kugarura akabaraga asubira ku mirimo yakoreraga umwami; ariko yakomeje guhangayikishwa n'igipande cy'iyerekwa kitasobanuwe, ari cyo iminsi 2300. Daniel yasenze ashishikaye, asabira ubwoko bwe bw'Abayuda bari mu bunyage, i bumedo-peresi. Yatuye ibyaha bye kandi asaba Imana kubabarira bene wabo. Igice cya 9 cya Daniel, gitangirana n'isengesho rishishikaye ririmo kwicuza ku Mana no gusaba kurengerwa nayo.

Nyabuneka gerageza gufata igihe usome Daniel 9 mbere yuko ukomeza icyi cyigisho nyobozi.

6. Ubwo Daniel yariho asenga ni nde wamukozeho kandi yari amufitiye ubuhe butumwa (Daniel 9:21-23)?

Igisubizo: Malaika Gabriel amukoraho, amubwira ko azanwe no kumusobanurira igipande cy'iyerekwa kivugwa mu gice cya cyenda cya Daniel. (Gereranya Daniel 8:26 na Daniel 9:23).

7. Igice kimwe cyo ku minsi 2300 gitegekewe (cyangwa kigomba gukurwaho) ku bwoko bwa Daniel bw'Abayuda no ku murwa mukuru wabo, Yerusalemu (Daniel 9:24)'

Igisubizo: Ibyumweru mirongo irindwi byagenewe Abayuda. cyangwa bigomba gukurwa mu mubare ku bwabo . Mu buhanuzi ibyumweru 70 bingana n'imyaka isanzwe 490 (70x7=490) ubwoko bw'Imana bwari bugiye kuva mu bunyage bw'i Bumedo-persi kandi ku myaka 2300 Imana yari igiye kugabanyaho imyaka 490 ikayigenera ubwoko bwayo yatoranije kugira ngo icyo gihe kibabere andi mendeze (cyangwa akandi kito) ko kwihana no kuyikorera.

8. Itangira ry'iminsi 2300 n'imyaka 490 y'ubuhanuzi ryagombaga kurangwa n'ikihe gikorwa, ryari? (Daniel 9:25)

Igisubizo: Igikorwa cyabimburiye iyo myaka ni itegeko ryatanzwe n'umwami w'Umuperesi witwa Aritazeruzi riha ubwoko bw'Imana bwari mu bunyage i bumedo-peresi uruhusa rwo gusubira i Yerusalemu no gusana umurwa. Iryo tegeko riboneka muri Ezira igice cya 7

ryatanzwe mu mwaka wa 457 M.K mu mwaka wa 7 Aritazeruzi ari ku ngoma (umurongo wa 7). Ryashyizwe mu bikorwa mu muhindo. Aritazeruzi yatangiye gutegeka muri 464 M.K.

9. Malaika yavuze ko ibyumweeru 69 by'ubuhanuzi cyangwa imyaka isanzwe (69x7=483), yongewe kuri 457 M.K. bitugeza kuri Mesiya. Daniel 8:25). Ni ko biri se?

Igisubizo:
Yego rwose. Ubishyize mu mibare usanga ko wicumye imyaka 483 yuzuye uhereye mu mezi y'imbeho (itumba) ryo muri 457, uhita ugera mu muhindo (fall) wo muri 27 N.K. Ijambo "Mesiya " risobanurwa ngo "uwasizwe" mu yandi magambo ni "Kristo" (Reba Yoh,1:41): Yesu yasizwe n'Umwuka Wera (Ibyakozwe 10:38, Luka 3:21,33) Gusigwa kwe kwabayeho mu mwaka 15 w'i ngoma ya Kaisari Tiberiyo (Luka 3:1) ariho mu mwaka wa 27 N.K Ibaze rero ko ibyo byabayeho hashize imyaka isaga 500 bivuzwe !

Ubwo Yesu yatangiraga kwigisha ko igihe gisohoye yerekezaga ku myaka 483 igeza kuri Mesiya. Bityo abari bamuteze amatwi, bagombaga kumva ko igihe kigeze ari icyahanuwe. (Mariko1: 14,15 Abagalatiya 4:4) Mu by'ukuri, mu itangira ry'umurimo we, Yesu yatangaje ku mugaragaro, ko ibyo avuze byerekeye ku iyuzuzwa ry'ubuhanuzi (bw' iminsi 2300); ashimangira atyo akamaro kabwo, n'amashirakinyoma yabwo.

Ibi rero birashimishije cyane kandi bigaragaza yuko:

A. Bibliya yahumetswe n'Imana.
B. Koko Yesu ari Mesiya.
C. Andi matariki yose akubiye mu buhanuzi bw'iminsi 2.300 /imyaka 490 ari ay'ukuri.



Mbega urufatiro rushikamye umuntu yakubakaho atishisha!

10. Twavuze ku myaka 483 yo mu buhanuzi bw'imyaka 490. Hasigaye icyumweru kimwe cy'ubuhanuzi kingana n'imyaka irindwi isanzwe. (Daniel 9:26, 27) Igikurikiraho ni iki? Giteganijwe kubaho ryari ?

Igisubizo: Yesu gukurwaho cyangwa kubambwa mu cyumweru hagati bingana n'imyaka itatu n'igice ikurikira gusigwa (amavuta) kwe, kwabayeho mu itumba ryo mu mwaka wa 31 N.K. Ngaho irebere nawe ukuntu ubutumwa bwahishuwe mu murongo wa 26: "Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri ni bishira, Mesiya azakurwaho, kandi ntacyo azaba asigaranye (cyangwa, "ariko atari ku bwe.")

Imana ihimbazwe. Yesu yakuweho, atari ku bwe, ahubwo yarahohotewe, kuko "nta cyaha yigeze akora." (1 Petero 2:22) yabambwe azize ibyaha byacu. (1 Abakorinto 15:3; Yesaya 53:5). Mu rukundo rwe no ku bushake bwe, yatanze ubuzima bw'igiciro cyinshi kugira ngo adukize ibyaha. Halleluya! Mbega umucunguzi!, Igitambo cye gihongerera ibyaha byacu ni wo mutima w'igice cya 8 n'icya 9 bya Daniel.

11. Muri Daniel 9:27 havuga ko "Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rimara icyumweru kimwe. Ni kigera hagati azabuzanya ibitambo n'amaturo…" Ikibazo: Yesu yagirana na benshi isezerano rimara icyumweru cyose (=imyaka 7) ate, kandi umurimo we kw'isi waramaze imyaka itatu n'igice gusa?

Igisubizo: Iryo sezerano ni ukwemerera abantu kubakiza ibyaha. (Abaheburayo 10:16, 17). Amaze kurangiza umurimo we mu myaka itatu n'igice, Yesu yakomeje umurimo we binyujijwe mu bigishwa be (Ababebureyo 2:3). Yabanje kubohereza mu ishyanga ry'Abayuda (Matayo 10:5, 6), kubera ko iryo shyanga ryatoranijwe ryari rigifite imyaka 3 n'igice isigaye ku yo bari bagenewe ngo bihane ariyo iheruka ibarirwa muri ya yindi 490.

12. Ubwo igihe cy'imyaka 490 ishyanga ry'Abayuda ryari ryarahawe cyarangiraga, mu itumba ryo muri 34 N.K, abigishwa bakoze iki ?

Igisubizo: Batangiye kubwiriza ubutumwa mu bandi bantu no mu yandi mahanga (Ibyakozwe 13:46). Stefano umudiyakoni ukiranuka yatewe amabuye ku mugaragaro muri 34 N.K. Kuva icyo gihe, kubera ko Abayuda banze Yesu n'umugambi Imana yari ibafitiye, baretse kuba abantu cyangwa ubwoko Imana yitoranirije. Ahubwo, abayemera kandi bakayikorera bo mu mahanga yose, nibo Ibara nk'Abayuda mu by'umwuka, abaragwa nkuko byasezeranijwe." Ubwoko bw'Abayuda rero, bugizwe n'umuntu wese, wemera Yesu kandi akamukorera (Abagalatiya3:27-

29; Abaroma 2:28, 29).

13. Nyuma ya 34 A.D hasigaye ingahe ku myaka y'ubuhanuzi 2300? Ubwo buhanuzi bwarangiye mu wuhe mwaka? Malaika yavuze ko muri uwo mwaka hazaba iki? (Daniel 8:14)?

Igisubizo: Hasigaye imyaka 1810 (2,300 ukuyemo 490 = 1,810). Umwaka uheruka ubwo buhanuzi ni 1844 (A.D. 34 + 1810 = 1844). Malaika yavuze ko ubuturo bwo mu ijuru buzezwa cyangwa ko urubanza rwo mu ijuru ruzatangira. (Ubuturo bwera bwo mu isi bwashenywe mu mwaka wa 70 A.D.) mu cyigisho cya 17 twize yuko umunsi wo guhongerera ubuturo bwo mu ijuru ari byo kuvuga umunsi w'urubanza wari uteganirijwe igihe cy'imperuka. Ubu tumaze kumenya ko urubanza rwatangiye mu 1844 Imana niyo yashyizeho iki gihe. Nta gushidikanya kuri uyu mwaka, nkuko nta gushidikanya kurangwa ku mwaka wa 27 N.K, uwo Yesu yahindutsemo Mesiya. Ubwoko bw'Imana bwo mu minsi y'imperuka butegerezwa gutangaza (Ibyahishuwe 14:6, 7). Isomo rya 19 niryo rizajambura iby'urwo rubanza. Shishikara rero, kuko riguteganirijwe. Mu gihe cya Nowa, Imana yavuze ko umwuzure uzasandara ku isi mu myaka 120 (Itangiriro 6:3) kandi byarabaye. Mu gihe cya Daniel, Imana yavuze ko urubanza rw'imperuka ruzatangira mu myaka 2300 (Daniel 8:14) kandi niko byabaye, Urubanza rw'imperuka rwatangiye mu 1844.

Icyo ihongerera rivuga.
Ijambo ry'ikingereza ("atonement" rivuga ikintu cyabayeho rimwe, ibyari bibiri bigahuzwa.). Harimo ingingo yo kunoza isano, gushyikirana. Gushyikirana gusesuye kwabanje kubaho mu byaremwe byose. Hanyuma Lusuferi umumalayika w'icyatwa, (nkuko twabyize mu isomo rya 2) yibasira guhinyuza Imana no gushyira ikibazo ku mabwiriza agenga ubutegetsi bwayo. Kimwe cya gatatu cy'abamalaika bo mu ijuru bifatanya na we muri ubwo bwigomeke. (Ibyahishuwe 12:3, 4, 7-9).

Uku kugomera Imana n'amabwiriza yayo y'urukundo nibyo Bibliya yita icyaha (Yesaya 53:6; 1 Yohana 3:4). Ubwo bwigomeke nibwo nyirabayazana y'amakozere y'ubwoko bwose. Ikirushijeho gusharira, ni uko buzana igihano cy'urupfu. (Abaroma 6:23)—urupfu rutazakurikirwa n'izuka -kujugunywa mu nyanja yaka umuriro- Ibyahishuwe 21:8). Icyaha gikwira henshi vuba, kandi kirusha ubwoko bwose bwa kanseri kuba injyana muntu kizana akaga mu byaremwe byose. Kizana akaga mu byaremwe byose.

Nuko Imana yirukana Lusuferi n'abamalaika be ibaca mu ijuru (Ibyahishuwe 12:7-9), kandi Lusuferi ahabwa izina rishya ariryo Satani risobanurwa ngo "umwanzi", abamalaika be bitwa abadayimoni. Satani yashutse Adamu na Eva, nuko icyaha gikwira mu bantu gityo. Mbega akaga gakomeye! Intambara ikomeye itangira hagati y'ikibi n'icyiza, kandi ikibi ukabona gishaka gutsinda. Ingorane zasaga nk'izidafite umuti.

Satani ni we nyirabayazana w'cyaha

Ku bw'amahirwe, Yesu umwana w'Imana, kandi we ubwe akaba ari Imana? yemeye gutamba ubugingo bwe nk'inshungu ya buri munyabyaha (1 Abakorinto 5:7). Umuntu wese wemeye icyo gitambo aba abohowe ku kidodo kimushinja icyaha (Abaroma 3:25). Muri uyu mugambi utangaje harimo ubushake bwa Yesu bwo kwinjira mu mutima w'umuraritse wese (Ibyahishuwe 3:20) no kumuhindura icyaremwe gishya (2 Corinthians 5:17). Uwihannye wese ahabwa ububasha bwo kurwanya Satani no gusubizwa ishusho y'Imana umuntu yaremwemo. (Genesis 1:26, 27; Romans 8:29).

Muri iri hongerera rihire hakubiyemo umugambi wo guha icyaha akato no kukirimbura; Satani n'abadayimoni be bakarimburanwa n'abifatanije nabo mu bwigomeke (Matayo 25:41; Ibyahishuwe 21:8). Hazabaho kugaragaza, mu ruhande rumwe Yesu n'ubutegetsi bwe bushingiye ku rukundo; mu rundi ruhande Satani n'ubutegetsi bwe bw'igitugu maze umuntu wese yihitiremo ku bwende bwe, uwo akurikira; ari Yesu cyangwa Satani. (Matayo 24:14; Ibyahishuwen 14:6, 7).

Urubanza rwa buri muntu ruzasuzumirwa mu rukiko rwo mu ijuru (Abaroma 14:10-12), Imana izubahiriza amahitamo ya buri wese yo gukurikira Yesu cyangwa Satani (Ibyahishuwe 22:11,12). Hanyuma, icyaha ni kimara gukurwaho, hazaremwa ijuru rishya n'isi nshya. (2 Petero 3:13; Yesaya 65:17), bitazarangwamo icyaha (Nahumu 1:9), Aho ni ho ubwoko bw'Imana buzatura, ubuziraherezo (Ibyahishuwe 21:1-5). Se, n'Umwana bazaturana n'ubwoko bwayo iteka mu munezero n'ubusabane bitagira impinduka .

Ibi byose bibarirwa muri "at-one-ment." Imana yabitumenyesheje mu ijambo ryayo ibigaragariza mu mu mirimo yakorerwaga mu buturo bwera, cyane cyane ku munsi w'ihongerero Yesu niwe shingiro ry'ihongerero. Igitambo cy'urukundo yadutambiwe I Kaluvari ni rurangiza. Muri Kristo byose birashoboka. Muri we honyine ni mwo hari insinzi yo kunesha icyaha mu mibereho yacu ndetse no mu byaremwe byose. (Ibyakozwe 4:12) Ntibitangaje rero ko ubutumwa bw'inyabutatau buturarikira kumuramya. (Ibyahishuwe 14:6, 7).

14. Ni kuki bamwe mu basobanuzi ba Bibliya bagerura icyumweru giheruka (imyaka 7) ku myaka 490 cyagenewe ishyanga ry'Abayuda bakakigenera umurimo w'Antikristo wo mu iherezo ry'amateka y'isi.

Igisubizo: Iki n'ikibazo cyiza.-"Ni kuki igipande cy'imyaka 7 iheruka kuri 490 cyabarirwa mu iherezo ry'amateka y'isi, kandi cyaragenewe ishyanga ry'Abayuda?

Reka twongere dusuzume ibyabaye:

A. Nta cyemezo, nta gihamya gishyigikiye ko habaho icyuho aho ariho hose mu

myaka y'ubuhanuzi uko ari 490 ahubwo irakurikiranye, umwaka ku wundi nkuko byagenze ku myaka 70 y'ubunyage ubwoko bw'Imana bwabayemo nkuko ivugwa muri Daniel 9:2.

B. Mu Byanditswe byera ntaho tubona ibipande by'igihe (iminsi, ibyumweru, amezi, imyaka) ntaho tubona ibyo bipande bicitsemo icyuho; ahubwo bigenda ku murongo, byuzuye, bikurikiranye. Ababivuga ukundi, bemeza ko hari ibipande by'ibihe bigomba kugerurwa bikazabarwa hanyuma. Abo nibo bagomba gutanga gihamya y'ibyo bemeza.

C. 27 N.K (umwaka Yesu yabatijwemo ni wo tangiriro ry'imyaka 7 iheruka cya gihe cy'ubuhanuzi icyo Yesu yashimangiye igihe atangira kubwiriza agira ati: "**Igihe kirasohoye." Mariko 1:15.**

D. Igihe Yesu apfira ku musalaba. Mu itumba ryo muwa 31 N.K. Yesu yavuze ijwi rirenga ati: "**Birarangiye**." Hano bigaragara yuko Yesu yerekezaga ku buhanuzi bwa Daniel igice cya 9 bwerekeye ku rupfu rwe buteye butya:
1. "Mesiya azakurwaho" bisobanurwa ngo azabambwa (Umurongo wa 26).
2. "Azabuzanya ibitambo n'amaturo "bisobanurwa ngo, azapfira bose, nk'Umwana w'intama w'Imana nyakuri (umurongo wa 27; 1 Abakorinto 5:7; 15:3).
3. "Gukiranirwa gutangirwe impongano" (umurongo wa 24).

Muri Bibliya, nta mpamvu umuntu yashingiraho agerura icyumweru giheruka ariyo myaka 7 ngo ayitandukanye n'imyaka 490 yategekewe ubwoko bw'Abayuda maze ngo iyo myaka7 ayishyire mu murimo wa Antikristo wo mu gihe giheruka amateka y'isi. Kubigenza utyo ni ukugoreka ingingo nyinshi z'ubuhanuzi bwo mu gitabo cya Daniel n'Ibyahishuwe. Ubwo bugoramyi butuma abantu badasobanukirwa n'ubuhanuzi bukubiye muri ibyo bitabo. Niyo mpamvu Imana ibuzanya gusobanura ubuhanuzi "uko umuntu wese yishakiye", nk'uko biri ku busobanuro bwa icyuho cy'imyaka 7 (7 year gap theory). Ubusobanuro bwo muri urwo rwego iteka buyobya abantu.

15. Nemeye igitambo gihongerera Yesu yatangiye ubuzima bwanjye; kandi namwakiriye ngo anyezeho ibyaha ampindure umuntu mushya.

Igisubizo:

Ibibazo byo gutekerezaho

1. Ububasha bw'ihembe rito buvugwa muri Daniel igice cya 7 n'igice cya 8. Mbese ni bumwe? (Daniel 7:8)

Ububasha bwo muri Daniel 7 bushushanya ubupapa. Ububasha bw'ihembe rito bwo bwo muri Daniel 8 Roma y'ubupapa na Roma ya gipagani.

2. Iminsi 2300 yo muri Daniel 8:14 mu ruhebureyo ijambo ku ijambo bivugwa ko ari "imigoroba n'ibitondo 2300" ibi se byaba bishaka kuvuga ko ari iminsi

1,150 nkuko bamwe babyemeza ? (Daniel 8:14)

Oya. Bibliya igaragariza mu Itangiriro 1:5, 8, 13, 19, 23, 31 Ko iyo bugorobye bugacya aba ari umunsi wuzuye. Mu iherezo ry'imyaka 1,150 nta kintu cyabayeho mu mateka ubwo buhanuzi bwujurijweho.

3. Amahitamo afite ruhare ki mu buzima bw'umukristo? (Yoshua 24:15)

Ni ingingo y'ifatizo mu iterambere. Inzira z'Imana zemerera buri wese uburenganzira bwo guhitamo (Yosua 24:15). Nubwo Imana ishaka ko abantu bose bakizwa (1 Timoteo 2:3, 4), ikomeza kwemera uburenganzira bwo guhitamo (Gutegeka 30:19). Imana yemereye Satani guhitamo kuyigomera. Adamu na Eva nabo, Imana yabemereye guhitamo kuyigomera. Gukiranuka, si gahunda karemano igomba kumbatura ikanjyana mu ijuru, uko naba narabayeho kose; nanze, nkunze. Guhitamo bisoburwa ngo igihe cyose nshobora kwisubiraho. Yesu ansaba kumuhitamo (Matayo 11:28-30), ngashimangira guhitamo kwanjye buri munsi (Zaburi 86:3). Niba muhisemo buri munsi, azampindura, ampe gusa na we, amaherezo azanjyane mu bwami bwe bushya kandi buhire. Nta kwibagirwa ko buri gihe mfite uburenganzira bwo guhindukira no kwerekeza aho nshatse. Imana ntizanshyiraho agahato.

4. Benshi bizera ko Umwami w'umuseleyuside Antiokusi Epifanesi ari we mbaraga y'ihembe rito rivugwa muri Daniel 8. Ibi twabinyomoza dute? (Daniel 8:9)

Hari impamvu nyinshi. Zimwe muri zo ni izi zikurikira.

A. Antiyokusi Epifanesi ntabwo yakuze cyane nkuko ubuhanuzi bubiteganya (Daniel 8:9).
B. Ntiyategetse mu gihe cya nyuma, cyangwa ku iherezo ry'ingoma y'Abaseleyuside nkuko ubuhanuzi bubiteganya; (Daniel 8:23) ahubwo yategetse hafi y'igihe cyo hagati.
C. Abigisha ko Antiokusi ari we hembe rito babara iminsi 2300 nk'iminsi isanzwe nti bakurikiza ubuhanuzi bufata umunsi kimwe n'umwaka. Abashyigikiye gufata iminsi y'ubuhanuzi nk'iminsi isanzwe, imibare yabo yanze guhura na Daniel 8, kandi ntacyo byabagejejeho.
D. Ihembe rito riracyariho nan'uyu munsi, kugeza ku mperuka. (Daniel 8:12, 17, 19), Nyamara Antiyokusi Epifanesi yapfuye mu 164 M.K.

E. Ihembe rito ryagombaga gukura cyane rikerekera ikusi, n'iburasirazuba na Palestine (Daniel 8:9). Nubwo Antiokusi Epifanes yategetse Palestine igihe gito, nta majyambere yagaragaje mu Egiputa (ikusi) n' I Makedonia (iburasirazuba)
F. Ihembe rito ryajugunye hasi ubuturo bwera bw'Imana (Daniel 8:11). Antiokusi Epifanesi ntabwo yashenye urusengero rw'I Yerusalemu; yego yararwubahutse araruhumanya; ariko Abaroma nibo barushenye, muri 70 N.K. Kandi ntabwo yashenye Yerusalamu, nkuko ubuhanuzi bubiteganya. (Daniel 9:26).

G. Ibizira bizahindura l Yerusalemu umusaka byavuzwe muri Daniel 9:26 na 27, Kristo ntiyabigeretse kuri Antikusi Epifanesi wahahindanije mu 167 M.K; ahubwo yabyitiriye Abaroma bo mu gihe cya vuba bari baraye bariburimbure Yerusalemu n'urusengero, mu gihe cyegeranye n'icyo yabayeho kuri iyi si, ni ukuvuga mu mwaka wa 70 N.K (Luka 21:20-24). Muri Matayo 24:15, Ku byerekeye Daniel, Yesu yamuvuze mu izina, avuga ko ubuhanuzi bwe (Daniel 9: 26,27) buzasohora, igihe Abakristo bazabona ikizira cyo kurimbura gihagaze ahera, muri Yerusalemu. Iyi ngingo irumvikana, kandi isobanutse ku buryo nta wagombye kuyihendaho.

H. Kurimbuka kwa Yerusalemu (umugi n'urusengero), Yesu yabihuje n'igikorwa cy'Abisiraeli cyo guhakana ko Atari Umwami n'Umukiza wabo (Mattayo 21:33-43; 23:37, 38; Luka 19:41-44). Iyi sano ibikorwa byombi bifitanye, ni ryo pfundo ry'ubutumwa bwo muri Daniel 9:26, 27. Ni ubutumwa butangaza ingaruka zageze ku Bisirael, zitewe no kwanga Mesiya, kandi bagakomeza kumwanga ndetse no mu gihe cy'imbabazi bongerewe kireshya n'imyaka 490. Ubu buhanuzi kubusobanura ukoresheje Antiokusi Epifanesi wapfuye mu 164 Yesu ataravuka ni ugutsemba Daniel igice cya 8 n'icya 9, kandi ari byo bigize igihe kirushaho kuba indatwa muri Bibliya yose.

Ibibazo byo kwiyibutsa

1. Imfizi y'intama yo muri Daniel 8 igereranya (1)
___ Babuloni
Medo-Peresi.
___ Ubugiriki
___ Roma.

2. Imfizi y'ihene yo muri Daniel 8 igereranya iki ? (1)
___ Egiputa.
___ Palestina.
___ Ubugiriki.
___ Asiriya.

3. Ubushobozi bw'ihembe rito ryo muri Daniel 8 bugereranya (1)
___ Antiokusi Epifanusi.
___ Rome ya gipagani na Roma y'ubupapa
___ Ubuhakanamana.
___ Iraki

4. Mu Bisiraeli ba kera, umunsi w'ihongerera wari umunsi w'urubanza. (1)
___ Yego .
Oya.
5. Mu myaka 2300 iyategekewe Abayuda ni ingahe? (1)
___ imyaka 490
___ imyaka 700
___ imyaka 1810
___ imyaka 100

6. Mu buhanuzi bwa Bibliya, umunsi imwe w'ubuhanuzi ungana n'umwaka usanzwe. (1)
___ Yego.
___ Oya.

7. Ubuhanuzi bw'imyaka 2300 bwahanuye (hasigaye imyaka 500 ngo busohore) ko Mesiya azagaragara mu mwaka wa 27 N.K. Nuko igihe kigeze aragaragara. Ibi byerekana yuko: (3)
___ Bibibliya yahumetswe.
___ Malaika Gabrieli azi guhuza na bushike.?????
___ Indi myaka yose ivugwa mu buhanuzi ari iy'ukuri.
___ Yesu ari Mesiya.

8. Igihe imyaka 490 itegekewe ishyanga ry'Abayuda yarangiraga muri 34 N.K. habaye iki ? (1)
___ Batangiye kubwira ubutumwa abo mu yandi mahanga
___ Bafashe ikiruhuko kirekire.
___ Bavuze ko nta Muyuda uteze gukizwa nyuma ya 34.

9. Hakurikijwe ubuhanuzi bw'imyaka 2300 bwo muri Daniel ibice 8 na 9, ni iki cyabaye mu mwaka w'1844 (1)
___ Mu ijuru, urubanza rwaratangiye.
___ Igihe cyo kwemerwa kw'ishyanga ry'Abayuda cyararangiye.
___ Yesu yazamutse mu ijuru.
___ Imana yahyize iherezo ku gihe cyo kwemera abantu bose.

10. Umunsi mu ijuru hazakorwa ihongerera, ibyaremwe byose bizasabana n'Imana. Mu nteruro zikurikira ni izihe zivuga amanyakuri ku byerekeranye n'ihongerera. (9)
___ Yesu yitangiye kudukuraho igihano cy'urupfu rw'iteka.
___ Yesu yitangiye kudukuraho ikidodo cy'ibyaha.
___ Yesu araduhindura, akatugira abantu bashyashya
___ Yesu atugaruramo ishusho y'Imana.
___ Mu rukiko rwo mu ijuru, Imana yubahiriza amahitamo ya buri muntu kuwo ashaka gukorera: Yesu cyangwa Satani.
___ Abatuye ku isi bose, bamenyeshwa imigambi ya Satani yo kubarimbura, n'imigambi y'Imana yo kubarokora.
___ Ibyaha, Satani, n'abanyabyaha bazahabwa akato, maze barimburwe
___ Imana izaarema ijuru rishya n'isi nshya ibigabire abantu bayo, kandi izaturana nabo. ___ Icyaha ntikizongera kubyutsa umutwe.

11. Muri Bibliya nta ngingo umuntu yashingiraho yemeza ko icyumweru giheruka cyangwa imyaka irindwi y'u buhanuzi bw'imyaka 490 yategekewe ishyanga ry'Abayuda cyagerurwa kikabarwa mu murimo wa Antikristo wagaragaye hafi mu iherezo ry'amateka y'iyi si. (1)
___ Ni byo.
___ Si byo .

12. Muri 34 N.K. (3)

___ Abayuda, kwemerwa nk'aho aribo shyanga Imana yitoreye byavuyeho.
___ Abigishwa batangiye kwigisha abantu bo mu yandi mahanga.
___ Stefano, umudiyakoni w'indahemuka, yatewe amabuye.
___ Urubanza rwaratangiye mu ijuru.

13. Igihe cy'ubuhanuzi bw'iminsi 2,300-cyatangiye muri (1)
___ 34 N.K.
___ 1944
___ 1491 M.K.
___ 457 M.K.

14. Ubuhanuzi bwa Daniel n'Ibyahishuwe bugenewe twebwe, mu gihe tugezemo (1)
___ Yego.
___ Oya.